

KURWANYA IKWIRAKWIRA RY' AMAKURU Y' IBINYOMA

Imfashanyigisho mu kugenzura
no kumenya ukuri mu makuru



© Umutungo bwite wa Africa Check, 2020

Niba wifuza gukoresha cyangwa gutangaza amakuru ayo ari yo yose ari muri aka gatabo:

Ufite uburenganzira busesuye bwo gukoresha amakuru ari muri aka gatabo ariko ugomba kubanza kubiharerwa uruhushya na “Africa Check” na “Fojo Media Institute”. Ibisobanuro biri muri iyi mfashanyigisho y’amahugurwa bishobora gukoreshwa gusa byemejwe na “Creative Commons Attribution-Non-Non-Commercial-NoDerivatives 4.0 international licence (CC BY-NC-ND 4.0)”. Ushobora kureba ibisabwa kuri uru rubuga creativecommons.org/licenses/by-nc-nd/4.0

Niba ukeneye gukoresha kopi y’iyi mfashanyigisho, ugomba kugaragaza aho ibyo utangaje byavuye, (hyperlinks” cyangwa URL), kandi ukubahiriza amabwiriza y’itangazamakuru yatanzwe na ba nyir’inyandiko.

Niba wifuza gutangaza raporo yakozwe ku buryo bwo gushakisha ibimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri ku bintu runaka uyikuye ku rubuga rwa Africa Check:

Ushobora gutangaza inyandiko ivuye ku rubuga rwacu mu gihe ugamiye kuzifashisha mu guhugura abantu, mu gutunganya inkuru no kungurana ibitekerezo ku makuru cyangwa ku byabaye. Ugomba kugaragaza ko ibyo utangaje ubikesha Africa Check, kandi ugakomeza kugaragaza imiyoboro yose igana ku masoko yakoreshejwe, mu gusoza ukanongeramo iyi nteruro: *“Iyi raporo yanditswe na Africa Check, umuryango udaharanira inyungu ukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri. Reba ku rubuga rwabo aho iyi raporo y’umwimerere yatangarijwe”.*

Soma hano amabwiriza yacu arebana no gutangaza ibyo twakoze: africacheck.org/factsheets/guide-how-to-cite-africa-checks-research



Intangiriro

ubutumwa bw'umuyobozi wa Africa Check	1
Icyo iyi mfashanyigisho igamije.....	1

Gutahura amakuru y'ibinyoma

Akamaro ko gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri	2
Gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri. Kuki ibimenyetso ari ngombwa cyane?.....	3
Ntiwizeye ko amakuru ari ukuri? Ibyo ugomba kuzirikana.....	3
Ibyo washingiraho igihe ugiye gusangiza (cg kudasangiza) abandi ku mbuga nkoranyambaga.....	4
Ibyo wakifashisha mu gihe ukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri....	5


Uko ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri bukorwa

Gushaka amakuru yizewe kuri murandasi	8
Ibimenyetso n'ibitekerezo by'umuntu:Ni ikihe gishobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri?.....	9
Intambwe eshanu Africa Check yifashisha mu gihe ikora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri.....	10

Gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri mu makuru arebana n'ubuzima.....	13
--	-----------



Ubutumwa bw'umuyobozi wa Africa Check



Abantu bafata ibyemezo, bikomeye cyangwa byoroheje, bikagira ingaruka ku buzima bwabo mu buryo butandukanye. Ikibafasha gufata ibyo byemezo bagomba kwishingikiriza ku makuru rusange aboneka. Nyamara akenshi ayo makuru atangazwa igice, akayobya cyangwa akabeshya. Itangazamakuru ntiriyigeze rigira akamaro muri sosiyete nk'ako rifite ubu.

Imwe mu ntego zatumye Africa Check ishingwa ni ugufasha abantu bakeneye amakuru yizewe kandi meza, kugira ngo bafate ibyemezo bibafitiye inyungu mu buzima bwabo.

Ibikorwa byacu biteza imbere ukuri n'ubunyamugayo mu biganiriro mpaka ndetse n'itangazamakuru muri Afurika. Ikindi dushyira imbaraga mu gufasha abantu banyuranye, barimo ibitangazamakuru na sosiyete sivile, ndetse n'abaturage muri rusange; kugenzura niba ibyo bavugaga ubwabyo ari ukuri. Turifuzaga kugabanya ikwirakwizwa n'ingaruka z'amakuru atari yo, no guteza imbere imyumvire nyayo, ishingiyeye ku bimenyetso bifatika.

Mu rwego rwo gushyira ingufu mu kurwanya amakuru atari yo, twibanda cyane ku mahugurwa no kugira inama abakora mu itangazamakuru kujya bakora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri. Ni ngombwa ko gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri bitaba gusa igikorwa cy'imiryango y'inzobere nk'uyu wacu, cyane cyane muri iki gihe amakuru atari yo n'ibinyoma bigenda birushaho kwiyongera.

Abanyamakuru bose bafite uruhare runini mu gufasha abaturage kumenya amakuru neza, no kubarinda amakuru y'ibihuha ashobora kugiraho ingaruka mbi. Itangazamakuru, muri rusange, rifite inshingano zo kumenya niba amakuru atangarizwa abaturage ari ukuri kandi afite ireme. Ni yo mpamvu ubu bufatanye n'ikigo cy'itangazamakuru cya Fojo Media Institute ari ingenzi muri iki gihe, dore ko bizafasha abanyamakuru benshi kugira ibikoresho n'ubuhanga maze ikizere rubanda ifitiye itangazamakuru kirusheho kwiyongera.

Noko Makgato

Icyo iyi mfashanyigisho igamije

Iyi mfashanyigisho ku buryo bwo gushakisha ibimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri igenewe abanyamakuru b'abanyafurika yateguwe na Africa Check. Igamije kubaha ubumenyi n'inama zifatika hagamijwe gukumira ikwirakwizwa ry'amakuru y'ibinyoma. Aka gatabo kateguwe mu gihe isi iri mu rugamba rwo kurwanya icyorezo cya Covid-19, gatanga incamake yumvikana ku buryo bwo gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri ku makuru y'ubuzima.

Ku bindi bisobanuro, kimwe na raporo nshya ku bushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri, sura urubuga rwacu kuri www.africacheck.org



Gutahura amakuru y'ibinyoma

Akamaro ko gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri.

Amakuru y'ibinyoma si aya none - gusa ubu biyorohera gukwirakwira muri iyi si yihuta mu iterambere ry'ikorabuhanga. Amakuru ajyanye n'ubuzima atari ukuri ashobora guteza akaga ndetse akanahungabanya ubuzima, nk'uko byagaragaye mu ngaruka mbi ku kwirinda indwara y'iseru, imbasa na Covid-19.

Urugero rwa 1

Muri Mata 2020, [hacikanyeye ifoto yerekana Mike Sonko, wari Guverineri wa Nairobi, muri Kenya, atanga ibiryo ku baturage birimo n'amacupa y'inzoga yitwa "Cognac".](#) Nyuma yaho, Sonko yabisobanuye agira ati "Nshingiye ku bushakashatsi bwakozwe n'umuryango mpuzamahanga wita ku buzima (OMS) n'imiryango itandukanye y'ubuzima byagaragaye ko inzoga zigira uruhare runini mu kwica koronavirusi cyangwa virusi iyo ari yo yose." Muri videwo yakwirakwijwe kuri WhatsApp, yavuze ko iyo nzoga yifitemo alukolo nyinshi, ikaba ikwiye gukoreshwa nk'umuti usukura mu muhogo kandi ikica virusi. Nk'uko OMS ibivuga, inzoga, (zirimo alukolo iri ku gipimo byibuze cya 60% mu kinyobwa), zakoreshe nk'imiti yica udukoko ku ruhu, ariko nta cyo zakora ku dukoko umuntu yamize. "Kunywa inzoga ntabwo bizica virusi, ahubwo kuyikoresha bishobora kongera ibyago ku buzima mu gihe umuntu yanduye virusi."

Urugero rwa 2

Inkuru y'umuganga w'umwongereza yasohotse mu kinyamakuru cy'ubuvuzi mu mpera ya za 90 yagaragazaga uburyo urukingira rw'iseru, amashamba, (ngwije) na "rubella", rutera ukwiyongera kw'indwara zidindiza imikorere myiza y'ubwenge bw'umwana. Iyi nkuru yagize uruhare mu gutuma indwara y'iseru iyogozwa isi. [Nubwo byaje kugaragara ko iyo nkuru itari ifite ishingiro¹](#) ariko yateje ubwoba bwinshi ku babyeyi bamwe bituma kugeza na n'ubu hari abatarempera gukingiza abana babo.



Urugero rwa 3

Hagati mu mwaka wa 2003 imbasa yari hafi kurandurwa muri Nijeriya, iyo abayobozi b'amadini n'abanyapolitiki bo mu majyaruguru ya Nijeriya batagira abayoboze babo inama yo kwirinda gukingiza abana bavuga ko urukingira ruzabatera ubugumba. Nubwo ibizamini byerekanaga ko ibyavugwaga nta shingiro bifite, [itangazamakuru ryabitangaje ritabanje gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri²](#). Nubwo nyuma yaho izo nkuru zaje guhanagurwa mu bitangazamakuru, ntacyo byaramiye kuko ibintu byari byamaze kwangirika, kuko imbasa yiyongereye cyane mu majyaruguru ya Nijeriya ndetse ikwirakwira no mu bindi bihugu.

¹ Africa Check: Big data study confirms: Vaccines do not cause autism, africacheck.org/fbcheck/vaccines-do-not-cause-autism

² Africa Check: Why fact-checking matters, africacheck.org/fact-checks/blog/why-fact-checking-matters



Gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri. Kuki ibimenyetso ari ngombwa cyane?

Abanyamakuru b'abanyamwuga bari ku gitutu kitigeze kibaho kuko bahanganye n'abatangazamakuru batabigize umwuga. Turi mu bihe umuntu wese ufite terefone igendanwa na interineti ashobora gusangiza abandi amakuru, amashusho na videwo atabanje kugenzura ukuri kwabyo. Amakuru atagenzuwe ubu ashobora kubona byihuse inzira acamo ku mbuga nkoranyambaga no mu butumwa bwa WhatsApp, bikongera ku buryo bukomeye ikwirakwira ry'amakuru atari ukuri.


Akenshi ibihuha byihuta vuba kuruta amakuru y'ukuri. Niba uri umunyamakuru cyangwa umuntu ukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri, ufite inshingano zo kwitonda cyane no kugenzura ibivugwa. Niba utabikora, uba utiza umurindi abakwirakwiza amakuru y'ibihuha.

Imbuga nkoranyambaga zishishikariza abantu gusangiza abandi za videwo n'amashusho. Amashusho na videwo bidafite ishingiro, bibeshya, bitagenzuwe bishobora guhita biba nk'icyorezo. Uburyo bwo gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri butwigisha gufata umwanya wo kugenzura inkomoko y'amashusho na videwo no kugena aho bigomba gukoreshwa kugira ngo twirinde kuba mu batiza umurindi abakwirakwiza amakuru y'ibihuha.

Ntiwizeye ukuri kw'amakuru? Dore ibyo ukwiye kuzirikana

Koresha ubwenge bwawe. Niba hari ikintu cyumvikana ko ari cyiza birenze urugero, kibabaje cyane cyangwa kidasanzwe ku buryo biteye kugishidikanyaho, birashoboka ko atari ukuri.

- Buri gihe ujye usesengura. Wibaze impamvu umuntu yaba yarakoze ibyo uri kureba.
- Ikindi kintu gishobora kugaragaza ko amakuru atari ukuri ni amakosa y'imyandikire n'ikibonezamvugo.
- Niba wumvise ibihuha bivuga ko hari ikintu kiri kuba, urugero nk'imyigaragambyo ikomeye, ariko ntumenye neza niba ari ukuri, shakisha ku mbuga za internet nka news.google.com. Niba ari inkuru ikomeye kandi yabayeho koko, ntihabuze igitangazamakuru gikomeye cyatangiye kuyikurikirana.
- Genzura neza aderesi (URL) z'urubuga cyangwa imikoreshereze y'imbuga nkoranyambaga. Imbuga zo kuri murandasi na konti z'imbuga nkoranyambaga ziriho amakuru atari ukuri akenshi zikunze kuba zisa n'izisanzwe zizwi zitanga amakuru yizewe mu buryo bwo gushuka abazikurikira.
- Genzura imirongo batanga mu nkuru iganisha ku zindi nkuru. Ese inkuru bakoherezaho ihuza n'ibirimo cyangwa n'isoko yayo nyirizina?



- Niba ukeka ko uri kureba inkuru itari ukuri, reba izindi nkuru, amafoto na videwo ku rubuga. Ese ni ibyo kwizerwa? Kora ubushakashatsi ku bindi byatangajwe n’uwo muntu umwe kugira ngo urebe niba byemewe.
- Reba ku rubuga rwa internet ahanditse “Abo turi bo” kugira ngo umenye niba utari kureba ku rubuga rutari rwo.

Ibyo washingiraho igihe ugiye gusangiza (cg kudasangiza) abandi ku mbuga nkoranyambaga

Icyamba mbere:

- Fata umwanya ubanze utekereze mbere y’uko utangaza igitero cyawe cyangwa icy’abandi kuri twitter, cyangwa ukoresheje izindi mbuga nkoranyambaga nka WhatsApp, facebook, n’izindi.
- Mu gihe ugaragaza imbuga nkoranyambaga wakuyeho amakuru, buri gihe ubike amajwi cyangwa ifoto y’aho wafunguriye urwo rubuga kuri mudasobwa, (screenshot)

Icyamba kabiri, genzura inkomoko y’ibyo ugiye gutangaza:

- Genzura imbuga nkoranyambaga hanyuma urebe ko konti ihari.
- Shakisha amateka y’ukoresha urubuga nkoranyambaga hanyuma urebe uwo bakoranye kera, ubwoko bw’ibiruriho cyangwa ibyo batangaza niba bisa nk’ibyakwizerwa cyangwa nk’ibyakwemerwa. Shakisha igihe nyir’urubuga arumazeho kugira ngo utahure niba iyo konti yashyizweho ku bw’intego runaka.
- Reba niba ushobora gutandukanya inyandiko ashira ku mbuga nkoranyambaga ukoresheje izindi mbuga zakozwe. Reba niba ibyo ubonye bisa neza n’ibiri kuri Twitter, Facebook, Instagram cyangwa LinkedIn.

Icyamba gatatu, genzura ibirimo:

- Shakisha inyandiko y’umwimerere - ntukizere imirongo baguha iganisha ku nkuru bifatanye isano, cyangwa ibintu byasubiwemo kenshi ahantu hanyuranye.
- Shakisha ayo makuru ku zindi mbuga zidafite aho zihuriye n’urwo.
- Genzura buri gihe amashusho wohererejwe mbere yo kuyasangiza abandi.
- Mbere yo gusangiza abandi videwo cyangwa ishusho ukuye ku mbuga nkoranyambaga, banza usome ibisubizo cyangwa ibitekerezo byayitanzweho kugira ngo umenye niba ntabigeze gukemanga umwimerer wabyo.
- Reba igihe, itariki n’aho byandikiwe, hanyuma urebe ko ibyo bihuye n’ibisobanuro ukoresha urubuga yabitanzeho.
- Niba ubonye amagambo yitirirwa ko yavuzwe n’umuntu runaka, kora ubushakashatsi bwimbitse kuri Google kugira ngo umenye neza ko yavuzwe n’uwo muntu koko.





Ibibazo ugomba kwibaza igihe ureba ishusho cyangwa videwo:

Yaba yarafatiwe ku gihe n'ahantu havuzwe? Reba neza kuri ibi bikurikira:

- a. Uburyo ubwo ari bwo bwose bwo kwandika, ibimenyetso cyangwa ururimi (urugero ku byapa byamamaza)
 - b. Amabendera
 - c. Uko uruhushya rw'ikinyabiziga na pulaki bisa
 - d. Uruhande rw'umuhanda abantu batwaramo
 - e. Imiterere y'ahantu n'inyubako zihari (nk'ibishushanyo mbonera, ibiraro n'imisozi)
 - f. Ikirere
- Ni izihe ndimi zikoreshwa muri videwo ?
 - Urabonamo ubukangurambaga bwihariye bwo kwamamaza cyangwa uburyo bw'imyenda bizira amakemwa ?
 - Urabona ifoto cyangwa amashusho yahinduwe mu buryo ubwo ari bwo bwose hagamijwe guhisha amakuru amwe ? Irasa n'iyongerewe mu buryo ubwo ari bwo bwose ? Reba imirongo idasobanutse, itandukaniro mu buryo igaragara n'uko ubwiza bw'amabara bigenda bidasa hose, n'ibindi.
 - Gereranya amashusho na videwo hamwe n'andi ku byabaye bisa kandi byabereye hamwe – Ese koko urabona bisa ?

Ibyo wakifashisha mu gihe ukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri



Imbuga nkoranyambaga zishishikariza abantu gusangiza amashusho na videwo, kandi ifoto ishobora gukwirakwira kuruta inyandiko ndende. Uburyo bwo gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri butwigisha gufata umwanya uhagije wo kugenzura ibiri mu mashusho na videwo, tukabifata nk'inkomoko y'amakuru ubwabyo, kugira ngo tutaba icyambu cy'amakuru atari ukuri.

Amashusho menshi na videwo bisangizwa incuro nyinshi kuri murandasi ku buryo bigera aho bigatakaza imiterere y'umwimerere n'amakuru yabyo. Mwibuke ko gusesengura amashusho na videwo bitagamije gusa byanze bikunze kureba niba ibirimo byahinduwe cyangwa byahinduwe mu buryo runaka. Ahubwo akenshi haba hagamijwe kumenya niba ishusho hari aho yaba yarigeze igaragara mbere, niba kandi byarabaye, ukamenya igihe yagaragariye n'icyari kigamijwe.





Ibyagufasha gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri ku mashusho hifashishijwe murandasi.

Google reverse image search

Ibi bisa n'ubushakashatsi busanzwe bwa Google, ariko aho gushakisha amagambo cyangwa interuro, ushakisha ishusho.

- Bika cyangwa ukure kuri murandasi ishusho ushaka gukoraho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byayo, cyangwa wandukure aderesi y'urubuga (URL) hanyuma ujye ku rubuga www.image.google.com
- Kanda ku kadirishya ka kamera mu murongo w'ishakisha kugira ngo iguhe amahitamo yo gushyiramo ya URL wandukuye cyangwa kohereza ishusho igomba gushakishwa. Ushobora kandi gukurura ishusho ukayirambika ahagenewe gushakisha.

Ibisubizo byawe byaguha igitekerezo cy'igihe ishusho yasangijwe kuri murandasi ndetse ushobora no kubona andi makuru nk'ahantu yafotorewe cyangwa ibindi bisobanuro bivuga kuri iyo shusho

TinEye

Jya kuri www.tineye.com hanyuma ukurikize inzira imwe nk'iyi kuri Google ishakisha amashusho, (Google reverse image search). TinEye iguha uburyo bwo gutondekanya ibisubizo by'ubushakashatsi. Mu gihe waba uhisemo kubitondekanya ukurikije "ibya kera" cyangwa "ibishya" bizaguha byoroshye igitekerezo cy'igihe, ahantu ndetse n'uburyo ki ishusho yashyizwe kuri murandasi. Mu gihe utondekanya ibisubizo byawe ukurikije "ibyahinduwe kenshi" ushobora kuvumbura ko ishusho ushaka yagiye ikoreshwa inahindagurwa.

RevEye

RevEye [Reverse Image Search](#), ushobora kuyongera mu ishakisha ya "Chrome" kuri mudasobwa yawe kugira ngo ujye ugenzura amashusho wakuye kuri murandasi. Iyo umaze kuyishyiraho, ukanda iburyo ku ishusho hanyuma ugahitamo "moteri zose z'ishakisha" kugira ngo ukore ubushakashatsi kuri mushatsi nyinshi icyarimwe.

Ibyagufasha gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo kuri za videwo hifashishijwe murandasi

Uburyo bw'ishakisha bwitwa "Reverse image search"

Koresha amashusho wakuye kuri murandasi cyangwa agace ka videwo hanyuma ukoreshe uburyo bw'ishakisha bwa Reverse image search kugira ngo ushakishye videwo wifashishije murandasi.



Uburyo bw'ishakisha bwifashishije “Amnesty International’s YouTubeDataviewer”

Jya kuri www.citizenevidence.amnestyusa.org hanyuma wandike aderesi y'urubuga, (URL) ya videwo ya YouTube mu mwanya ugenewe ishakisha. Ibisubizo byawe bigomba kuba bikubiyemo igihe videwo yashiriwe ku rubuga rwa murandasi bwa mbere, kimwe n'ibisobanuro byumwimerere, niba bihari. Bizaguha kandi kumenya ba nyiri videwo.

Uburyo bw'ishakisha bwifashishije “InVID Verification Plugin”

Ushobora gushyira muri mudasobwa yawe ubu buryo bumeze nk'igikoresho kimwe gikubiyemo byose mu gukora **ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo ku mashusho na za videwo hifashishijwe murandasi**, invid-project.eu/tools-and-services/invid-verification-plugin), niba ukoresha Chrome cyangwa Firefox mu ishakisha.

Kugenzura konti za “Twitter”

- Niba ubonye utumenyetso tw'ubururu iruhande rw'izina rya Twitter, menya ko konti yagenzuwe neza.
- Koresha www.foller.me mu kugenzura amateka ya konti ya Twitter.
- Ushobora kumenya imiterere ya konti ya twitter ukoresheje Botometer (www.botometer.osome.iu.edu).
- Ishakisha rya Twitter ryimbitse (www.twitter.com/search-advanced) rigufasha gushakisha abantu, amasomo n'amashusho kuri Twitter.

Gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo ku hantu hifashishijwe murandasi

- Koresha ishakisha rya Google mu gushaka amashusho (www.image.google.com) kugira ngo ugire igitekerezo ku misusire y'ahantu cyangwa umujyi.
- “Google Earth” (www.google.com/earth) na “Google Maps” (www.google.com/maps), cyane cyane “Street View function” biroroshye gukoreshwa kandi bifite agaciro kanini kugirango umenye uko ahantu runaka hasa.

Kumenya ubwinshi bw'abantu bateraniye ahantu



- Iki ni igikoresho cyo kuri murandasi cyagufasha kugenzura ubwinshi bw'abantu bateraniye ahantu. Ubutaha umunyapolitiki navuga ko umubare runaka w'abantu bitabiriye inteko rusange cyangwa mitingiri, uzajye kuri www.mapchecking.com, ushake kandi werekane aho yabereye (nk'urugero ku kibuga rusange), hanyuma ugaragaze umubare ushoboka w'abantu bashobora gukwira aho hantu.



Uko ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri bukorwa

Gushaka amakuru yizewe kuri murandasi

Gukoresha murandasi bishobora kuba intangiriro nziza yo kugerageza gushaka amakuru meza. Ariko wibuke ko udashobora gufata gusa amagambo ayo ari yo yose ukeka ko ari amakuru meza kandi agezweho ku ngingo runaka. Shaka inkomoko yacyo kugira ngo umenye niba urimo kureba ibisubizo by'ubushakashatsi bwa vuba, gereranya ayo makuru n'andi ukuye ahandi, cyangwa ubaze impuguke ishobora kugufasha gushyira amakuru mu mujyo mwiza.

Inkomoko y'amakuru

- Inzego zishinzwe ibarurishamibare
- Imiryango mpuzamahanga, nk'Umuryango w'abibumbye na Banki y'isi
- Kaminuza zikomeye n'ibigo by'ubushakashatsi
- Za guverinoma
- Inzego z'umwuga
- Ibindi binyamakuru byizewe
- Impuguke
- Imiryango ikora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri nka Afrika Check

Aho wakura amakuru y'ubuzima ku rwego mpuzamahanga

- Ikigo gishinzwe ibipimo by'ubuzima no gusuzuma (www.healthdata.org)
- Umuryango mpuzamahanga wita ku buzima (www.who.int)
- Banki y'Isi (www.worldbank.org)
- Unicef (www.unicef.org)

Aho wakura amakuru yizewe avuga kuri Covid-19

- Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (www.who.int/emergencies/diseases/novel-coronavirus-2019)
- Minisiteri y'ubuzima mu gihugu cyangwa izindi nzego z'ubuzima
- Poynter's CoronaVirusFacts database (www.poynter.org/coronavirusfactsalliance/)

Igikoresho Africa Check yifashisha mu gushakisha amakuru

- Ku rubuga rwa Africa Check, uzahasanga impapuro zifashishwa mu gihe cyo gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri ndetse n'amabwiriza, (www.africacheck.org/how-to-fact-check/factsheets-and-guides), ku buryo bwo gusobanukirwa, gukora ubushakashatsi n'inkuru ku buzima n'izindi ngingo.




- “Info Finder” (www.africacheck.org/infofinder), ububiko bw’inkomoko y’amakuru n’ibimenyetso byaturutse muri Afurika, ubu noneho ifite igice khariye cyagenewe amakuru ya Covid-19.

Ibimenyetso n’ibitekerezo by’umuntu: Ni ikihe gishobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri?

Ntabwo buri jambo rishobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri. Ikibazo cya mbere ugomba kwibaza mbere yo kugerageza gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri ku nyandiko ni ukumenya niba ishobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse [ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri cyangwa bidashoboka](#)³

Ni iki gishobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri?	Ni iki kidashobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri?
- Imvugo ishobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri hifashijwe ibimenyetso n’ibihamya	- Ukuri n’ibitekerezo - Amasezerano cyangwa ubuhanuzi ku bizaba ejo hazaza



Ibimenyetso n’ibitekerezo by’umuntu

Ibihamya n’ibimenyetso ni byo shingiro ryo gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri. Ibimenyetso bishobora kugenzurwa no gushingirwaho gihamya y’ikintu cyabaye.

Ibitekerezo by’umuntu bishingiye ku myemerere cyangwa ku buryo umuntu abona ibintu, bikunze kubamo ukubogama nk’uko bisanzwe mu isi yacu kandi natwe twarabyiboneye kenshi. Gutekereza ko ikintu ari ukuri kubera ko twemeranya na cyo, ntibikigira ukuri. Abantu babiri bashobora kuba bari mu cyumba kimwe, umwe akavuga ko hashyushye undi akavuga ko hakonje. Ibi bitekerezo byombi ntibishobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza ukuri. Cyakora igishobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza ukuri, ni ubushyuhe nyabwo buri mu cyumba.

Ubuhanuzi na bwo budashobora gukorwaho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza ukuri, ni amagambo ateganya cyangwa asezeranya ko hari ikintu kizabaho mu gihe kizaza. Cyakora umuntu ukora **ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza ukuri** agomba kwitondera ibyo umunyapolitiki asezeranya cyangwa impuguke mu by’ubuvuzi iteganya ko bizabaho mu gihe kiri imbere hanyuma nyuma akazagenzura ukuri kwabyo niba ayo masezerano yarubahirijwe cyangwa ibyahanuwe byari ukuri. Imiryango **ikora**

³ Africa Check: [youtube.com/watch?v=o6DPFh0Fvi8&ab_channel=AfricaCheck](https://www.youtube.com/watch?v=o6DPFh0Fvi8&ab_channel=AfricaCheck)



ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri, nka Africa Check, akenshi yifashisha igikoresho gikurikirana amasezerano⁴.

Ukuri gushobora kugenzurwa cyangwa ntibishoboka?

Kugira ngo umenye ukuri kuri mu mvugo, ugomba kuba ushobora kuyigenzura ukoresheje amakuru yashyizwe ku mugaragaro. Reba ingero zikurikira:



Imvugo: Nta Munyetyopiya n’umwe uzabona impamvu yo kujya kwivuriza hanze y’igihugu

Iyi mvugo se nshobora kuyikoraho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza ukuri? Oya, ni ubuhanuzi, (ni igitekerezo cy’umuntu).

Imvugo: Ishami ry’Umuryango w’Abibumbye ryita ku Buzima rirakora ibishoboka byose mu kurwanya icyorezo cya Covid-19

Iyi mvugo se nshobora kuyikoraho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza ukuri? Oya, ni igitekerezo cy’umuntu kandi abantu batandukanye bazagira imyumvire itandukanye y’ “ibyho bishoboka byose biri gukorwa”.

Imvugo: Covid-19 iterwa na coronavirus.

Iyi mvugo se nshobora kuyikoraho ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza ukuri? Yego, bishobora kugenzurwa ukoresheje ibimenyetso bya siyansi byashyizwe ahagaragara.

Intambwe eshanu Africa Check yifashisha mu gihe ikora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y’ukuri



1. Shakisha niba ibivugwa ari ukuri, umenye naho byaturutse

Intambwe ya mbere Africa Check yifashisha mu bikorwa byo gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza ukuri ni ukureba neza amagambo agize imvugo. Ibyavuzwe n’abandi bantu bikunze gukoreshwa nabi, nubwo rimwe na rimwe atari ikibazo gikomeye.

Niba imvugo yaratangajwe mu kinyamakuru cyangwa ku rubuga rwa interineti, gerageza gufata amajwi cyangwa amashusho y’ibyabaye.

Inama zo gushakisha amajwi yafashwe:

- Reba mugenzi wawe cyangwa umunyamakuru witabiriye icyo gikorwa cyabaye hanyuma umubaze niba yarafashe amajwi kandi niba ashobora kuyaguha.
- Reba niba hari videwo y’icyo gikorwa cyabaye iri kuri YouTube cyangwa ku mbuga nkoranyambaga za leta.
- Za radiyo zo akenshi zirabitangaza bigahita bisa n’ibyibagiranye, ushobora kuvugana n’uwabikozeho akaguha amajwi.



⁴ Africa Check: africacheck.org/promise-trackers



Niba udashoboye kumenya aho amajwi yafashwe aherereye, banza urebe neza niba koko icyo mvugo ushaka kumenya ko ari ukuri yarabayeho. Baza kandi umuntu cyangwa umuryango niba bavuzwe neza hamwe n'ibimenyetso byashingiweho. Ugomba gushaka inyigo y'umwimerere cyangwa ubushakashatsi bwakozwe.

Kugira ngo ugere ku muyobozi muri leta cyangwa umuryango, vugana n'umuvugizi wabo. Gerageza ushake amakuru y'uwo muvugizi ku rubuga rwemewe, cyangwa umunyamakuru mugenzi wawe ashobora kuba afite numero ya terefone ye akayiguha. Twitter, LinkedIn cyangwa gushakisha umwirondoro w'umuntu bishobora gutuma ugera ku numero ye ya terefone cyangwa aderesi imeri.

2. Sobanura ingingo n'ibitekerezo biri mu mvugo

Ntuzigere wibwira ko uzi icyo umuntu yashakaga kuvuga - mubaze neza icyo yashakaga kuvuga. Reba neza niba usobanura kandi usobanukiwe na buri jambo n'igitekerezo biri mu mvugo.

Tekereza ku ijambo "ubumenyi". Inkoranyamagambo ya Oxford isobanura ko ari "ubushobozi bwo gusoma no kwandika", ariko rishobora gusobanurwa no gupimwa mu buryo butandukanye. Inzira imwe ni ukujya mu ishuri, wenda kugeza mu cyiciro cya 3. Ikindi ni uguha abantu interuro yo gusoma. Abashakashatsi bamwe babaza gusa abantu niba bashobora gusoma batiriwe babagerageza ngo barebe koko niba babizi.

Inama zagufasha kuguma mu nzira nziza:

- **Sura ububiko bw'inyandiko bwa Africa Check.** Ushobora kugira amahirwe menshi ugasanga twaranditse ku byerekeye icyo ngingo mbere cyangwa twarakusanyije impapuro zifatika.
- **Baza impuguke.** Umuntu wazobereye mu kintu iki n'iki ashobora kukubwira icyo ijambo runaka mu byo yazobereyemo risobanura. Ibuka ko amahame amwe cyangwa ibisobanuro bishobora gukoreshwa mu bihugu bitandukanye.

3. Shakisha ibimenyetso ukoresheje amakuru ya vuba yizewe

Niba umuntu cyangwa umuryango baguhaye gihamya ku byo bavuze, banza urebe ko bijyanye n'igihugu, akarere cyangwa itsinda bavuga kandi niba bihari, reba niba bishingiye ku makuru afatika. Rimwe na rimwe, amakuru aturuka ahandi, cyane cyane muri Amerika cyangwa u Burayi, akoreshwa mu bihugu bya Afurika nk'aho imiterere ari imwe.

Reba niba gihamya zavuguruwe. Ibyavuzwe bishobora kubaho igihe kirekire itariki byavugiweho yaribagiranye bitewe n'ukuntu biba byaragiye bihindagurwa

Nyuzwa amaso witonze muri raporo cyangwa ubushakashatsi, cyangwa byibuze ibice bijyanye n'ukuri uri gushaka. Reba buri gisobanuro ahagana hasi ku ipaji kimwe n'amakuru y'inyongera. Ugomba kumva uburyo amakuru yakusanyijwe kugira ngo ubisobanurire abasomyi. Ibi na byo bigusaba gushaka inama zagufasha kuguma mu murongo mwiza:



4. Kwegera abahanga

Ereka abahanga ibyavuzwe biri mu rwego rwabo hanyuma ubabaze amakuru n'ubushakashatsi byaba byiza kwifashisha mu gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza ukuri. Baza: Ese ibyavuzwe bifite ishingiro ukurikije ubushakashatsi wandangiye kwifashisha?



Niba umuhanga aguhaye amakuru cyangwa ubushakashatsi ugomba kubinyuramo mu buryo burambuye kugira ngo usobanurire abakumva uko byashyizwe hamwe. Niba hari ikintu udasobanukiwe, ugomba kubaza buri gihe. Roha inshundura zawe kure kuva ugitangira. Guhitamo ibitekerezo uri bukuremo ni byiza cyane kuruta kuza gukenera gushyira igitutu ku bantu ku munota wa nyuma kugira ngo bagufashe.



Inama zo gushaka abahanga beza bashoboka:

- Ibiro by'itangazamakuru bya kaminuza cyangwa urubuga rw'ibitekerezo by'abakozi ni byo ugomba kubanza kurebaho. Mu gihe uvugana n'umuhanga, mubaze niba ashobora kukurangira undi, cyane cyane umuntu na bo bubaha ariko ushobora kutemeranya na bo. Amayeri y'ingirakamaro ya Google ni ugushakisha umwarimu + [agace kihariye] + .ac cyangwa .edu

5. Tanga ibimenyetso

Sobanura mu buryo burambuye bushoboka uko wagiye ugenzura ukuri ku buryo n'undi muntu ashobora kwifashisha gihamya watanze na we akagera ku myanzuro isa n'iyawe. Ni muri urwo rwego, abagenzuzi b'ukuri bagereranya inkomoko ya buri jambo muri raporo yanditse cyangwa bakayitirira umuhanga. Shyira inyandiko zose wabonye kuri enterineti kugira ngo abandi bazashobore kuzifashisha mu gihe kizaza.

Gukorera mu mucyo byubaka ikizere kimwe no kutagira aho ubogamira. Ni yo mpamvu, niba ubona ko ikivugwa atari cyo, banza wereke ibyo wagezeho umuntu cyangwa umuryango wakikubwiye hanyuma ubahe amahirwe yo kugitangaho ibitekerezo mbere yo kugira icyo utangaza.



Gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri mu makuru arebana n'ubuzima

Ibibazo ukwiye kwibaza mu gihe ukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri mu makuru arebana n'ubuzima

1. Ni nde watanze amakuru kandi ni iki azwiho ?

- Ni nde watanze amakuru ?
- Ni inzobere yemewe mu buvuzi ? Abantu benshi bakoresha izina rya 'dogiteri' kandi badafite ubumenyi buhagije mu buvuzi !
- Haba se hari ikintu ushingiraho ushidikanya ko atazi neza ibyo avuga ?
- Ni iyihe mpamvu yatumye atanga ayo makuru ? Ese hari inyungu ubona abifitemo?



2. Hari ibitangamazamakuru bisanzwe byakozeho inkuru?

Ibintu byinshi bivugirwa ku mbuga nkoranyambaga ntibigera mu bitangamazamakuru bisanzwe – impamvu irumvikana. Urugero, mu mwaka w' 2017, muri Senegali hakwirakwiye inkuru zerekeye umuganga wo muri Filipine wavugaga ko yavumbuye urukingo rwa diyabete. Birumvikana ko iyo haza kuba hashize imyaka itanu avumbuye urukingo rwa diyabete nk'uko byavugwaga, byari kuba byaravuzwe mu nkuru zari zigezweho icyo gihe, (ndetse akaba yaranatsindiye igihembo cyitiriwe Nobeli). Nta gitangamazamakuru gikomeye cyabikoze inkuru, kandi koko ntabwo byari ukuri. Africa Check yakoze [ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri kuri ibyo byavugwaga. \(Rapora yabyo iri mu Gifaransa\)](#)⁵.



3. Byagarutsweho mu kinyamakuru cy'ubuvuzi? Niba ari byo, icyo kinyamakuru kiremewe?

Niba se byaravuzwe mu bitangamazamakuru rusange, hari ubwo mu binyamakuru bya siyansi bizwi byavuzwe ko umuti wasuzumwe?

Ibyo wareberaho bibiri bifasha kumenya ukuri mu gihe ubushakashatsi bwa siyansi bukemangwa, akenshi ni:

Icyo wareberaho cya mbere: Intambwe 7 zo gutahura umuntu uvuga ubusa mu by'ubumenyi⁶

Icyo wareberaho cya kabiri: Uko wamenya ibinyamakuru rutwitsi by'abahanga mu by'inyamaswa z'ishyamba⁷

4. Ese gihamya z'ifashishwa mu kirego bigizwe n'uturingushyamba cyangwa ubuhamya bwite, ntabwo ari ubushakashatsi?

Umuti w'ibinyoma akenshi uva mu «buhamya bw'umuntu» bushobora kuba

⁵ Africa Check: Non, il n'y a pas encore de vaccin contre le diabète, fr.africacheck.org/reports/non-ny-a-de-vaccin-contre-diabete

⁶ Africa Check: 7 steps to detect someone is talking science nonsense africacheck.org/factsheets/guide-7-steps-detect-someonetalking-science-nonsense


⁷ Africa Check: How to spot predatory academic journals in the wild, africacheck.org/factsheets/guide-how-to-spot-predatory-academic-journals-in-the-wild

ari ibinyoma, cyangwa bushobora kuba ukuri ariko buteye urujijo. Ubuhamya bw'umuntu ku giti cye bushobora kwemeza abantu cyane ku mbuga nkoranyambaga ariko niba ikirego gishingiye kuri ubwo buhamya ntabwo gishingiye ku bimenyetso bya siyansi, kiba giteye amakenga.

5. Niba harabaye ubushakashatsi, bwakozwe gute?

Niba ibyavuzwe mu buzima byemezwa n'ubushakashatsi, ugomba kubaza ibibazo byinshi kuri ubwo bushakashatsi bwakozwe, urugero:

- Amakuru yakusanyijwe ryari? (Menya neza niba akigezweho.)
- Amakuru yakusanyijwe ate? (Byari ikizamini cyagenzuwe neza?)
- Ese ibyagezweho mu bushakashatsi bishobora kuba rusange? (Ubushakashatsi bwakozwe ku bantu bangahe? Ibyanzuwe bishobora kwitirirwa igihugu cyose, nk'urugero, cyangwa ubushakashatsi bwakorewe muri leta runaka cyangwa akarere runaka?)



6. Ese hari umuntu ufite inyungu mu biri kuvugwa? Niba ahari, ni nde?

Hanyuma, niba hari umuntu uvuga ko afite igisubizo ku bintu runaka, genzura niba atari ibintu afitemo inyungu. Nusanga harimo inyungu ze bwite, iyo iraba indi mpamvu yo gushidikanya cyane ku byo avuga.

Ingero za raporo zijyanye no kugenzura ukuri ku bivugwa mu buzima:

Ese umugore umwe kuri bane muri Afrika afite indwara y'ukwiheba? Twifashishije: africacheck.org/fact-checks/reports/do-one-four-women-africa-suffer-depression-we-checked

Kugenzura ukuri kwa Perezida wa Tanzaniya, John Magufuli ku guhumeka umwuka wo kuvura Covid-19: africacheck.org/fact-checks/reports/fact-checking-tanzanian-president-john-magufuli-inhaling-steam-treat-covid-19

Ni byo, indwara z'umutima ni zo ziza ku mwanya wa kabiri mu guhitana abantu benshi muri Afurika y'Epfo: africacheck.org/fact-checks/reports/yes-cardiovascular-disease-second-leading-cause-death-south-africa

Imyigaragambyo izwi nka #EndSARS: Kugereranya amafaranga akoreshwa mu buzima n'uburezi muri Nijeriya n'amafaranga yo gufata neza abadepite: africacheck.org/fact-checks/reports/endsars-protests-comparing-nigerias-health-and-education-spending-cost-lawmaker

Oya, malariya ntabwo yica abantu 300.000 muri Nijeriya buri mwaka, nk'uko ugurisha ubwishingizi yabivuze: africacheck.org/fact-checks/reports/no-malaria-doesnt-kill-300000-people-nigeria-year-insurance-seller-claimed

Igenzura ry'amakuru kuri koronavirusi rya Africa Check rikorerwa ahantu hamwe: africacheck.org/fact-checks/reports/live-guide-all-our-coronavirus-fact-checks-one-place





Africa Check: Abo turi bo

Africa Check yatangirijwe i Johannesburg muri Afurika y'Epfo mu mwaka wa 2012 nk'umuryango wa mbere wigenga ukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri.

Ubu, uyu muryango ukora ukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri ku byatangajwe mu Cyongereza n'Igifaransa buri mwaka, atari i Johannesburg gusa ahubwo no ku biro byacu i Dakar, Nairobi na Lagos.

Abashakashatsi bacu bakora amasaha yose mu kuvangura amakuru y'ukuri n'atari ukuri kugira ngo bateze imbere impaka zubaka, zishingiye ku kuri no kubaza abayobozi ku byo bavuga.

Uyu muryango urigenga, ntaho ubogamiye, kandi uterwa inkunga binyuze mu kigega rusange. Kugeza ubu twatanze amahugurwa yo gukora ubushakashatsi bwimbitse ku bimenyetso nyabyo byemeza amakuru y'ukuri ku bantu barenga 5.100, abenshi muri bo bakaba ari abanyamakuru.

**Dukorera mu gorofa rya 12, University Corner, Cnr Jorissen and Bertha Streets
Braamfontein, Johannesburg**



info@africacheck.org



[Facebook.com/AfricaCheck](https://www.facebook.com/AfricaCheck)



africacheck.org



[@AfricaCheck](https://www.instagram.com/AfricaCheck)



[@AfricaCheck](https://twitter.com/AfricaCheck)



[Africa Check](https://www.linkedin.com/company/Africa-Check)

